PAN AFRICAN Movement Rwanda

Don't Agonise, Organise!

# Igikorwa cyo gutora abagize inzego za PAM mu Turere no mu Mashuri makuru na Kaminuza

## INYANDIKO NSOBANURAMPAMVU N'IKIGANIRO


| | | |
|---|---|---|
| 1 | Intangiriro | 2 |
| 2 | PAM ni iki? | 2 |
| 3 | PAM igamije iki? | 3 |
| 4 | Intego za gahunda z'ubukangurambaga | 3 |
| 5 | Igikorwa cyo kubaka inzego za pam-rwanda | 4 |
| 5.1 | Impamvu y'igikorwa | 4 |
| 5.2 | Umusaruro utegerejwe | 5 |
| 5.3 | Imiterere y'inzego za PAM Rwanda zizatorwa n'uko zitorwa | 6 |
| 5.3.1 | Inzego zitorerwa ku rwego rw'igihugu | 6 |
| 5.3.2 | Abazatorwa ku nzego z'imitegekere zegerejwe abaturage | 6 |
| 5.3.3 | Abazatorerwa ku rwego rw'amashuri | 7 |
| 6 | Imigendekere y'ibiganiro n'igikorwa cy'amatora | 8 |
| 7 | Inshingano zihutirwa n'ingengabihe | 9 |

## 1. INTANGIRIRO

Umuryango Pan African Movement / Ishami ry'u Rwanda, binyujijwe ku bayobozi b'Uturere, n'ab'Amashuri makuru na za Kaminuza mu nama iteganijwe kuya 07/02/2025, urategura igikorwa cyo gutora inzego kizakorwa n'abari basanzwe mu nzego aho bari, maze gikurikiranywe n'imboni za PAM ziturutse ku rwego rw'igihugu. Abahagarariye PAM muri izi nzego bahabwa inshingano zo gutegura no gukurikirana iki gikorwa, kugira ngo haboneke abazitabira Inama Nkuru ya 4, n'abagize inzego zose zitorerwa nk'uko biteganywa n'amategeko ngengamikorere ya PAM (Inzego zihariye, Akarere, Umurenge, Akagari, Umudugudu).

Uretse mu Mashuri amwe bafite inzego zitararangiza manda, mu yandi mashuri no mu Turere, hazakorwa amatora yo kuzuza cyangwa gushyiraho izo nzego.

Muri iki gikorwa hateganijwe ibintu bitatu:

- ✓ Ikiganiro ku migambi, imiterere n'imikorere bya PAM,
- ✓ Gukusanya ibitekerezo ku bikorwa byateganywa muri gahunda y'imyaka itatu 2025/2027
- ✓ Amatora y'abagize inzego

## 2. PANAFRICAN MOVEMENT (PAM) NI IKI?

Panafrican Movement ni Umuryango Uharanira Agaciro n'Iterambere by'Umunyafrika. Kugira ngo ibyo bigerweho, bisaba ubufatanye (integration), umutekano (security and stability) n'ubukungu butajegajega (prosperity).

Uyu muryango washinzwe mu mwaka wa 1900 hagamijwe cyane cyane kwigobotora akarengane n'ihohoterwa byakorerwaga abirabura hirya no hino ku isi, cyane cyane abakomoka muri Africa. Ako karengane kagaragariye mu icuruzwa ry'abirabura (slave trade), ubukoloni (colonization and colonialism) n'ubusahuzi byakorewe Afrika.

Mu Rwanda, uyu muryango watangijwe ku mugaragaro tariki 8/8/2015 mu nama y'Inama Nkuru yateraniye mu ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko ku Kimihurura.

Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Nyakubahwa KAGAME Paul, ni Umuyobozi Mukuru w'Icyubahiro (Patron) wa PAM – Rwanda.

## 3. PAM IGAMIJE IKI?

*Panafrican Movement mu Rwanda igamije ibi bikurikira:*

a) Guteza imbere no kwamamaza amahame shingiro yo guharanira Agaciro n'iterambere by'umunyafrika haba mu bigo bitandukanye, mu nzego zinyuranye no mu baturage baba mu Rwanda muri rusange
b) Gusakaza mu bindi bihugu bigize PAM gahunda zitandukanye u Rwanda rwashyizeho zigamije kwishakamo ibisubizo
c) Gukora ubukangurambaga n'ubuvugizi hagamijwe ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo n'imyanzuro ndetse n'amasezerano by'Umuryango w'Afrika Yunze Ubumwe, kumenyekanisha no gukurikirana iyubahirizwa ryabyo;
d) Guteza imbere imibanire hagati y'ibihugu no kubaha ibitekerezo binyuranye
e) Gushyigikira gahunda za Leta zo kwishakamo ibisubizo, kwigira no kwihesha agaciro no kuzishishikariza abanyarwanda muri rusange
f) Gushyira mu bikorwa ibikubiye muri Gahunda y'Icyerekezo 2063 cy'Umuryango wa Afrika Yunze Ubumwe (Agenda 2063).

## 4. INTEGO ZA GAHUNDA Y'UBUKANGURAMBAGA

**Muri rusange**

Kugira ngo Umuryango PAM ushinge imizi ihamye mu Rwanda, ugomba kuba umuryango ushingiye ku mbaga y'abanyarwanda, bakabikangurirwa ku buryo buhoraho, bakagira ubuyobozi bibonamo kandi barangwa no guharanira agaciro n'iterambere ry'umunyafrika, bityo bagashobora kugira imitekerereze n'imyitwarire bishimangira amahame ya PAM.

**By'umwihariko**

a) Gukora ubukangurambaga bugamije kumenyekanisha PAM, gushaka abayoboke b'ikubitiro no gushyiraho ubuyobozi bw'inzibacyuho
b) Gushyiraho inzego za PAM mu nzego zose z'imitegekere y'Igihugu no mu mashuri makuru na kaminuza (hose mu gihugu)

c) Kuzamura imyumvire y’abantu bose ku bufatanye hagati y’abanyafrika (to raise awareness)
d) Kubaka umuryango ushingiye ku mbaga y’abanyarwanda no gushyiraho inzego zawo
e) Gushishikariza abayoboke ba PAM n’abagize inzego zayo zose gushyigikira gahunda za Leta y’u Rwanda zigamije kwigira no kwihesha agaciro biganisha kuri “Afrika twifuza” muri “Agenda 2063” y’Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe

**Ingamba zizakoreshwa (strategies)**

Kugira ngo iyi gahunda yihariye ibyare umusaruro uteganyijwe, hazakoreshwa abantu banyuranye n’uburyo bunyuranye:

1. Kubakira ku nzego zinyuranye zisanzwe zikorera mu Rwanda no ku bantu babyiyemeje
2. Abakuriye inzego z’imitegekere y’Igihugu zifite ubuzima gatozi bazagirwa abayobozi b’icyubahiro –Patron- mu ifasi bashinzwe kuyobora (Intara, Umujyi wa Kigali, Akarere)
3. Gukora no gukoresha ibiganiro mbwirwaruhame kuri Panafrican Movement, gushinga umuryango PAM mu nzego zose z’imitegekere y’Igihugu, mu mashuri makuru/kaminuza ndetse n’amashuri yisumbuye no gukora ibindi bikorwa bigamije gushimangira ubukangurambaga n’iterambere
4. Gushinga umuryango no gutoresha ubuyobozi mu Inteko Rusange ya PAM kuri buri rwego

## 5. IGIKORWA CYO KUBAKA INZEGO ZA PAM-RWANDA MU NZEGO Z’IBANZE NO MU MASHURI (GASHYANTARE 2025)

### 5.1. Impamvu y’igikorwa

Muri iki gikorwa, ikigamijwe ni ukubaka inzego za Pan African Movement ishami ry’u Rwanda zikora neza hashingiwe ku miterere y`imitegekere y`inzego z`igihugu n’iy’inzego zihariye. Hakenewe rero abanyamuryango benshi basobanukiwe n’intego z’Umuryango zo guharanira Agaciro n’Iterambere by’Umunyafurika.

Ni ngombwa rero kubyutsa, kuzuza no gushyiraho inzego za PAM-Rwanda bizakorwa binyuze mu matora nk’uko biteganywa n’amategeko y’umuryango PAM-Rwanda.

Mbere y’amatora nyir’izina hateganyijwe ibiganiro bizatangwa kuri buri rwego rw’ibanze ku matariki n’ingengabihe y’ibikorwa bizumvikanwaho. Bizaba bigaragaza intumbero n’uruhare rwa

Pan African Movement Ishami ry'u Rwanda mu gufasha Umunyarwanda n'Umumunyafurika gukemura ibibazo byugarije umugabane w'Afurika.

Hazibandwa ku mateka (Amavu n'Amavuko) y'umuryango Pan African Movement no gusobanura imikorere n'imikoranire y'inzego za PAM-Rwanda n'inzego za Leta n'ibigo byihariye, n'ibyo PAM imaze kugeraho.

Nyuma y'ibiganiro n'igikorwa cy'amatora, hazatangwa raporo ku migendekere yabyo, binyujijwe ku mboni y'Intara izaba yakurikiranye imitegurire n'imigendekere y'igikorwa:

Umujyi wa Kigali: GATABAZI Davis, **tel 0780256705;**

Amajyaruguru: WAMALA Wilson, **tel 0788306736;** MUNYANEZA Charles, **tel 0788305026**

Amajyepfo: NKOTANYI Dan, **tel 0788714883**; Dr Muleefu Alphonse, **tel 0788890883**

Iburasirazuba: MUTESI S, **0788814836**; HonMUTESI A, **0788640383**, Nshayija S, **0788516077**

HATEGEKIMANA Richard, **tel 0788304401**; Mugabo Laetitia, **0789773438**

### 5.2.Umusaruro utegerejwe

- ✓ Kuzamura imyumvire, ubwitabire n'ubwiyongere bw'Abanyamuryango ba PAM
- ✓ Kugira inzego za PAM Rwanda zihamye, zigira uruhare mu bukangurambaga bw'abanyamuryango ku nzego z'Akarere, Umurenge, Akagari n'umudugudu
- ✓ Kubona abanyamuryango bagize inteko itora mu Nama Nkuru
- ✓ Gukomeza umuco w'ubwitange wubakiye ku kwishakamo ibisubizo

### 5.3.Imiterere y’inzego za PAM Rwanda zizatorwa n’uko zitorwa

#### 5.3.1. Inzego zitorerwa ku rwego rw’igihugu

Inzego zizatorerwa abayobozi hashingiwe ku biteganyijwe mu mategeko ya PAM - Rwanda yemejwe n’Inama Nkuru y’Igihugu (Congress) ya PAM – Rwanda. Hazatorwa abagize Komite Nyobozi (***Biro igizwe n’abantu 3, Abakomiseri 19, Perezida wa Komite Ngenzuzi, na Perezida wa Komite Ngangamyitwarire***). Batorwa n’Abagize Inama Nkuru.

#### 5.3.2. Abazatorwa ku nzego z’imitegekere zegerejwe abaturage

Hatorwa abagize Komite Nyobozi ku nzego zose n’abayobozi ba za Komisiyo zifite mu nshingano ubukangurambaga. Iki gikorwa kibera mu Nteko Rusange ya buri rwego (Ishuri, Akarere, Umurenge, Akagari, Umudugudu).

| URWEGO RW’AKARERE |
|---|

**Abagize Komite Nyobozi (Bureau) ku rwego rw’Akarere**

1. Umuyobozi/ Chairperson
2. Umuyobozi wungirije/ Vice Chairperson
3. Umunyamabanga/ Secretary

**Abayobozi ba Komisiyo zihoraho ku rwego rw’Akarere**

1. Komisiyo y’Ubukangurambaga n’amahugurwa
2. Komisiyo y’Uburinganire n’Iterambere ry’Umugore
3. Komisiyo y’Urubyiruko
4. Komisiyo y’abafite Ubumuga
5. Komisiyo y’umuco n’ubugeni
6. Komisiyo y’ihererekanyamakuru

7. Komisiyo y'Imari n'umutungo
8. Komisiyo y'Imiryango itari iya Leta
9. Komisiyo y'Amadini n'Amatorero
10. Komisiyo y'Ubukungu
11. Komisiyo y'Imiyoborere myiza
12. Komisiyo y'Imibereho myiza

**Mu bihe bisanzwe, abagize Inteko rusange ku rwego rw'Akarere ni aba bakurikira:**

1. Abagize Komite Nyobozi na ba Perezida ba Komisiyo ku Rwego rw'Akarere
2. Abagize biro za PAM–Rwanda ku rwego rw'Imirenge igize Akarere;
3. Abagize biro za PAM-Rwanda ku rwego rw'Utugari tugize Imirenge iri mu Karere;
4. Abaperezida ba PAM-Rwanda ku rwego rw'Imidugudu igize Akarere;
5. Komite Nyobozi ya Komisiyo ya PAM y 'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere;
6. Komite Nyobozi ya Komisiyo ya PAM y'abagore ku rwego rw'Akarere;
7. Komite Nyobozi ya Komisiyo ya PAM y'abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Akarere;
8. Abandi b'abanyamuryango ba PAM–Rwanda Umuyobozi wa PAM–Rwanda ku rwego rw'Akarere yasanga ari ngombwa.

**KU ZINDI NZEGO (Umudugudu, Akagari, Umurenge)**

Mu bihe bisanzwe, abagize Inteko rusange ku rwego rw'Umurenge, Akagari n'Umudugudugu batoranywa ku buryo bukurikira:

| Ku Murenge (art 47) | Ku Kagari (art 48) | Ku Mudugudu (49) |
|---|---|---|
| - Abagize biro za PAM–Rwanda ku rwego rw'Utugari<br>- Abaperezida ba PAM-Rwanda ku rwego rw'Imidugudu. | Abagize biro za PAM–Rwanda ku rwego rw'Imidugudu igize Akagari. | Abanyamuryango bose ba PAM-Rwanda batuye mu Mudugudu n'ubwo baba bari mu zindi nzego za PAM-Rwanda. |

### 5.3.3. Abazatorerwa ku rwego rw'amashuri

Abayobozi batorerwa manda y'umwaka umwe ishobora kongerwa aho biga imyakw irenze itatu. Uri mu mwaka wa mbere n'umwaka wa nyuma ntatorwa. Inzego zitorerwa ni izi zikurikira:

**Komite Nyobozi**

1) Umuyobozi/ Chairperson
2) Umuyobozi wungirije/ Vice Chairperson
3) Umunyamabanga/ Secretary

**Abayobozi ba Komisiyo zihoraho ku rwego**

1) Komisiyo y'Ubukangurambaga n'amahugurwa
2) Komisiyo y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umugore
3) Komisiyo y'Imibereho myiza
4) Komisiyo y'ububanyi n'amahanga
5) Komisiyo y'ihererekanyamakuru
6) Komisiyo y'Imari n'umutungo
7) Komisiyo y'Imiyoborere myiza

## 6. IMIGENDEKERE Y'IBIGANIRO N'IGIKORWA CY'AMATORA MU NZEGO Z'IMITEGEKERE ZEGEREJWE ABATURAGE NO MU MASHURI

- Perezida wa PAM atumira Inteko Rusange;
- Perezida wa PAM cyangwa undi yahitamo, ategura akanatanga ibiganiro bivuga ku mateka, imigabo, imigambi n'ibikorwa bya PAM-Rwanda, bizatangwa ku munsi w'amatora.
- Inteko itora kuri buri rwego igizwe n'abagize Bureau ya PAM (Chair, Vice-Chair na Secretary) batowe ku nzego z'ibanze zibanziriza urutorerwa abayobozi. Icyakora ku rwego rw'Umudugudu n'amashuri, igizwe n'abanyamuryango ba PAM bitabiriyebitabiriye, bafite nibura imyaka 18..
- Abakandida biyamamaza bashobora guturuka mu Nteko Itora cyangwa hanze yayo ku rwego rw'Akarere n'Umurenge, icyangombwa ni uko umukandida aba atuye aho yiyamamariza cyangwa ahafite ibikorwa ahakorera. Ku rwego rw'Akagari n'Umudugudu umukandida agomba kuba mu bagize Inteko itora .

| Umuyobozi w`icyubahiro (patron) | Urwego ruzategura amatora | Inshingano z'urwego ruzategura amatora | Igihe |
|---|---|---|---|
| Umuyobozi w`Akarere | Ku Karere no ku Murenge, Abagize Bureau ya PAM icyuye igihe ku Karere, aho bakiri, (aho batakiri, abahari barategura) imboni ya PAM igakurikiranira hafi. | Gutegura ubutumire bw`inteko itora.<br>Gutanga ibiganiro<br>Gutegura no gukoresha amatora<br>Gutanga raporo ku rwego rwisumbuye | Bitarenze 28/02/2025 |
| | Ku Kagari no ku Mudugudu, Bureau ya PAM ku Karere no ku Murenge, bakorana n'imboni za PAM | Gutegura ubutumire bw`inteko itora.<br>Gutanga ibiganiro<br>Gutegura no gukoresha amatora<br>Gutanga raporo ku rwego rwisumbuye | Bitarennze 18/05/2025 |
| | Mu Mashuri adafite inzego, Umuyobozi wakurikiye ikiganiro cyo kuwa 07/02/2025, umwarimu uhagarariye abandi (Champion Lecturer), abagize Komite icyuye igihe | Gutegura ubutumire bw`inteko itora.<br>Gutanga ibiganiro<br>Gutegura no gukoresha amatora<br>Gutanga raporo ku rwego rwisumbuye | Bitarenze 28/02/2025 |

## 7. UMWANZURO N'INSHINGANO BYIHUTIRWA

Abakurikiye ibiganiro byo kuwa 07/02/2025 ndetse n'abazatorwa, bafite inshingano ikomeye yo:

- Guhita bategura ibikorwa by'amatora y'inzego za PAM mu mashuri, ku Karere , ku Murenge, ku Kagari no ku Mudugudu.
- Gushaka abanyamuryango no gutegura ingengabihe ihoraho y'ubukangurambaga
- Gutegura abazitabira Inama Nkuru yo kuwa 15/03/2025
- Gutegura ibikorwa byo kwizihiza Umunsi wa Afurika wo kuwa 25/05/2025
- Gushyiraho gahunda y'amasomo ku miyoborere myiza (Leadership program)